

*Identification* : C.5/K 95 29/30/11/93 0142

*Durée* : 60 Minutes

*Qualité* : Bonne

*Transmission* : RTLM

*Nom du transcripteur* : UWAMAHORO M.Vianney

*Date de la transcription* : Le 28/04/2000

*Nom du fichier* : 0142.wpd

*Dictaphone* : Sanyo

*Modèle* TRC-8080

*Série* P8806620

**RESUME DE LA CASSETTE N° 0142****Face A :**

- \* Le message adressé aux responsables de toutes les communes du Rwanda par le responsable de la cellule Mburabuturo, Jean Congolais à propos de leur pénible responsabilité que les autorités supérieures ignorent en ne leur donnant pas leur prime méritoire.*
- \* Interview de 2 réfugiés burundais par Noël Hitimana à propos de leurs problèmes et leurs souhaits en vue de faciliter la vie de tous les Burundais réfugiés à Kigali.*
- \* Noël parle d'un meeting raté qui devait avoir lieu en commune Nyakizu.*
- \* Il parle de la location des voitures de l'Etat.*
- \* Communiqués.*
- \* Kantano parle d'une attaque et des tueries en commune Mutura par les Inyenzi Inkotanyi.*
- \* Monsieur Ngirumpatse Gustave réclame son dossier gardé par monsieur Kavaruganda Joseph pour que ce dossier soit réexaminé par d'autres juges.*

**Face B :**

- \* Monsieur Gustave continue de réclamer son dossier pour qu'il soit révisé. Il demande à toutes les autorités de l'aider pour que Kavaruganda laisse son dossier au porté des autres juges.*
- \* Attaque en commune Mutura par les Inyenzi Inkotanyi.*
- \* Gahigi fait un commentaire sur des négociations de paix et sur le partage du pouvoir entre le gouvernement rwandais et le FPR..*
- \* Il parle de la journée internationale pour le SIDA.*
- \* Il critique la défaillance gouvernementale dans les luttes contre les Inyenzi Inkotanyi.*
- \* Le PRD dénonce les tueries des Inyenzi en différentes communes et souhaite le remplacement du gouvernement en place puisqu'il ne vient pas en aide au peuple.*

**Face A**

**Orateur** : ***HITIMANA Noheli, journaliste à la RTL***

...fa... hu... (arakoroye) bifututse, tukabihitisha. Ati “rero ikindi nshaka ni inyandiko ntuye Abaserile bose bo mu Rwanda : Bagenzi banjye b’Abaserile bo mu Makomine y’u Rwanda, ndabasuhuzza, nimwihangane. Nkurikije ihohoterwa twagiriwe ry’Abaministre b’Intebe bombi ni ukuvuga uwa Gouvernement iriho ubu na mugenzi we wa Gouvernement igiye kujyaho irimo n’Inkotanyi ari bo UWIRIINGIYIMANA Agata, na Twagiramungu Fawusitini, bemeje ko tutagomba guhabwa ishimwe ryacu twari dusanzwe duhabwa iri ryo twa... twararikoreye igihe kibi cy’intambara igihugu cyacu gifite ibibazo bikomeye, ubwo...iyoy twibutse amarondo twararaga, dukangurira abaturage tubana na bo mu maselire kwirarira kugira ngo Inyenzi-Inkotanyi zitatumeneramo hose mu Rwanda utwinjijemo tutamuzi muri Selire yacu tagakurikirana ibye neza ntihabe ari uwo bahohotera, muzi neza ukuntu Abaserile bo mu gace kabereyemo imirwano ni ukuvuga Byumba, Ruhengeri, Abaserile baho bafatanyije n’abaturage ndetse n’Inzirabwoba baku..bakumira umwanzi, inkoramaraso bifashishije kubwiriza abaturage kutabereka amayira, kutabarangira aho Inzirabwoba ziri, no ku..no kuzubikira..zi..kuzubikira zikicwa e... ku murya, Inyenzi zafata Umuserile zikamubaga areba, muzi na none amajoro n’amanywa e... dukora dukiranura abaturage tubungu muri Gacaca, ari rwo rukiko rwacu. Tugeretseho no kuba dukora akazi k’ubuplanton bwa za Minisiteri hafi ya zose, dutwara za assignments mu baturage, amabaruwa ya Leta, badutuma kuyaha ba nyirayo, za convocations, amaba..amabarura y’abaturage anyuranye bitewe na Minisiteri runaka, gufasha ubutegetsi gushakisha abanyabyaha, ibisambo n’iperereza riturutse hose, n’ibindi n’ibindi. Ibi byose mvuze nta Muminisitiri uri muri Gouvernement utabizi, ariko babi... babiciyeho, baduseseka mu mashyaka, maze badushyira mu kibuga nk’umupira, badukina karere, batugira icenga rizatuma bahorana imbehe. Ikibabaza cyane twe Abaserile, ni uko na ba Burugumestres b’Amakomine yose y’u Rwanda babibonye batyo, bakinumira ari bo ba mbere bazi ko rwose ari twe dutuma akazi kabo gatungana, na bo, n’abo bayobora bakabashima. Ahubwo umenya ahari baragize ubwoba, bwo gushyiraho akabo ngo

batuvuganire wenda ikibazo cyacu... hari uwo... e... cyakubikira imbehe bibaye gutyo twabumva. U... hari uwo cyakubikira imbehe bibaye bityo twabumva, bitari ibyo tuzageraho na bo dukore imyigaragambyo yo kubabaza urwo badu..baduciriye. Bameze nk'umugabo ubona umugore we akubiswe arengana, akamurebera.

Ndangije nshimira amashyaka yadushyigikiye asaba ko baduha ishimwe ryacu, ibitambo biza..bizaba, ibitambo bizaba ariko nta bapfira gushira, ibitambo bizaba, ibitambo bizaba ariko nta bapfira gushira, uzasigara azashirwa abonye ishimwe rye". Umuyobozi wa Serile muri Mburabuturo i Gikondo, Kigali y'Umujyi, Jean Congolais, yego, ni we wabisinye.

(un peu de musique) ...tanu n'iminota... icyenda hano i Kigali muri Studio za radio yanyu, Radio RTLTM yewe he... kuri radio hari abantu benshi baza badusaza, (arimoje) baza badusaza bamwe bafite ibyifuzo, bafite ibitekerezo, bafite amakuru, (arimoje) yewe ba... bamwe bati, bati "mbese nk'ubu ngubu" ati "ngusabye ko watubwirira nka Konseye wo muri Minagri" ati "witwa Makuba", ati "ko yambabaje". Ariko se n'abababaye tuzajya twirirwa tubavuga? Ariko wagira ute ko ari radio se umuntu agomba kugira, ufite agahinda akakagira utagafite akakavuga, none ko ubona abasore babiri b' Abarundi, umwe witwa Budoyi Dewogratsiyasi, undi ni Byamungu Christophe Diallo mu kanya turi buze kuganira ariko reka mbabwire rero iby'uwo mu... ni... ni inshuti ya Radio RTLTM ambwiye ati "Makuba rwose twakoze examen muri... i... service, projet ya service agricole turi abantu ijana na mirongo itanu". Ati "dutsinda examen ya mbere turi mirongo itatu na bane", ati "tugira ngo tuzakora examen ya maturité", ngo n'indi examen bakora nyuma, ya maturité ati "tugira ngo wenda bazavanamo babiri cyangwa batatu ba... babahe akazi", ati "nyuma baravuga ngo iby'akazi muri iki gihe cy'inziyacyuho ugaha mwene wanyu, ukagaha inshuti, ukagaha umuvandimwe, ukagaha umuryango, ati "naho ibyo by'ama examens" ati "bwana Makuba ntabwo abyibuka". Wa kabyara we, hein, niba ari hein, niba ari ho tugeze b... tubyite urwenya n...

... saa tanu n'iminota cumi n'itatu hano muri studio za radio yanyu, Radio RTLTM nongere mbagezeho rya tangazo ryo kubika, bamwivuganye bakamugandagura, bakamwica avuye gupasifiya avuye gu...

gushaka umutekano ku... kugira ngo Abarundi ayobora mu Makomini bumvikane. Bamwishe avuye muri icyo mission. Abantu bakavugaga bati “agomba kuba yarishwe na nde? Agomba kuba yarishwe na Mburamatari wa mbere wahozeho yasimbuye witwaga RUVUKA”. Hum! Agomba kuba yarishwe na Commandant de brigade Murengeza, MURENGERANTWARI, ati “abo bantu ni bo bavugwaga, ni bo bavugwaga mu Kirundo”. Izo ni inkuru tuvanyeye mu Kirundo, niba atarishwe na MURENGERANTWARI ha! Yishwe na RUVUKA, hu...! Ati “yishwe na (inaudible) bita Musitanteri wa Komini Busoni, Salvatori RWASA”. Hu! Kandi akaba ari umukuru wa UPRONA muri Province ya Kirundo. Amakuru dufite kuri anketi zikorwaga ku rupfu rw’uwo Mburamatari, wahitanywe n’abandi avuye, hu! Ko wa... ko... ko... ko mu... mu... mu gituraga kujya kureba abaturage kugira ngo agarure umwuka mwiza mu ba... mu baturage, abamwishe bavugwaga ni Ruvuka. Ni Mburamatari wa mbere, commandant de brigade MURENGERANTWARI cyangwa Musitanteri wa Komini Busoni, Salvatori RWASA, umukuru wa UPRONA muri Province ya Kirundo. Ni yo nkuru dufite kugeza ubu. Mu basore rero BUDOYI Dewogaratsiyasi ufite imyaka makumyabiri n’itanu na VYAMUNGU Christophe Diallo, na we ufite imyaka makumyabiri n’itanu mwambwiye ko mwavuye i Bujumbura muhabura ku itariki makumyabiri z’ukwezi kwa cumi na kumwe mirongo cyenda na gatatu, mugera hano i Kigali, i Kigali mwifashe mute? Mumeze mute? Murifuza kumererwa mute?

**Orateur** : ***Un des 2 réfugiés burundais à Kigali***

Aha i Kigali mbona turi... tubayeho nabi nabi kuko mu miryango twashyikiye... ahantu twashikiye ni abantu badutabaye, bakabona yuko twari mu byago ni ho bashingiye bati “aba ni abavandimwe”, baba baduha aho tuba, ariko n’aho baduhaye aho tuba ingorane ntizibura kuko hajya umuntu yingoreye ku bandi bari basanzwe bahari hama hariho ingorane zibaho, nk’ingorane z’ibifungurwa, ingorane ze... zi... z’ubuzima bwa... bwa minsi yose. Hari icyo rero twifuza gikuru gikuru cane nuko nk’ubu twari twinjiye mu gihugu tutari dusanzwe tuzi amategeko yaho ntubabura dusanzwe tuyazi, hari nkaho wotembera ugahura n’abapo... n’aba... polisi, abajandarume, bakagufata hanyuma bakagufata uko utari kubera bataba bakuzi na we utababura usanzwe uzi imigenderanire isanzwe iri muri, iri muri icyo

gisagara washikiyemo. Nk'aha rero ingorane dufise nk'aha mu Ki... muri Kigali ni uko twebwe twashyitse ino nk'aba... nk'impunzi ariko gushika ubu unye ntiturabona ikintu kishobora kutwemeza yuko turi impunzi kuko mu mi... nko mu miryango mpuzamahanga nka HCR, ntitubona yuko itwitaho kuko n'aho tugiye ku biro vyaho ntibatwakira twa... ariko ikidutangaza ni uko tudasiba kumva mu i... mu iradio bavuga yuko hariho imfashanyo isi... irungikigwa impunzi ziri mu Rwanda, tugaca twibaza tuti "none izo mfashanyo twebwe ntidu...ko zitadushikira kandi turi impunzi nk'abandi, tugasaba yuko botugeragereza ukuntu natwe badu... badufata nk'impunzi kugira ngo mbe cyane cyane hariho n'a... n'abo muri twebwe baba bashaka yuko bobashikani... babashikana mu ikambi y'impunzi kuko babona yuko kuba mu gahinga atah... ataho bibashikana ariko tukabura uburyo bwo gushika hiyo mu makambi". Izo ni zo ngorane dufise cyane cyane akaba hariho n'iyindi ngorane nk'ubu ngubu kuko nka twe twahunze turi a...turi imisore, twari dufise ubuzima i bu... hariya i Bujumbura i Burundi tuba dukeneye ku...turakeneye cyane gusubira mu gihugu cyacu kuko ntitwohera mu gahinga, naho hari akagwi... aho, abo Batutsi bari ku... rushyi bashatse kudufata nabi ku...kutwirukana mu gihugu cy'amavukiro twebwe twashaka turondere uburyo bwo gusubira imuhira bici... bi...turabe ukuntu twosubira mu gihugu cy'amavuko.

**Orateur** : **Noheli HITIMANA, Journaliste à la RTLM**

Muri make u...uvuze ko ikibababaje cyane ni uko urebye ntaho muri, naho muri ntimuzi n'amategeko abagenga ayo ari yo, mbese muri make nta n'ibyangombwa mufite, hu...! icyo mwifuzza ni ukugira ngo mugire ibyangombwa namwe mumenyekane batabita amabandi muri uyu mugwi kubera ko umujandarume wa mugani agufashe, ukabura n'ibyangombwa umwerekana, ntiwamubwira gusa ko uri impunzi itagira n'icyangombwa. Si ho ikibazo gikomeye?

- Ni icyo ngicyo.

- Ni icyo kibazo gikomeye.

- Huu...!

- Hanyuma se... e... mbaze mugenzi wawe, Abarundi mwasanze ino aha, babafashe bate? Murifuza ko baba... babagerera kuki? Abarundi mwasanze ino aha bene wanyu. N'Abanyarwanda ndetse mukatubwira muti "namwe Banyarwanda nimube mwadufasha mutya".

- Bon... ntarandiriye icyo muvuga na jewe ubwa mbere na mbere ni bwo bwa mbere mva mu gihugu cy'amavukiro nkajya mu gihugu mu... mu gihugu kitari icy'amavukiro. Bon aho nashikiye sinovuga ko ari ku nshuti ni abantu nyene batu... babonye dushitse nk'impunzi badurafata baradushyira ngaho kuko babona tuvuye mu byago, bon icyo novuga ukuntu bodufata, bon urabona nk'u... ahantu nk'ubu ahantu hari hasanzwe hari abantu hakiyongerako abantu urabona ko hari ikintu ki... cyongerekanye ko, hakaba n'ikintu ki... ki... ki... kivuye ko. Bon ntitwovuga ko bafise amamiliyoni bodufashisha mugabo icyo mbona ko ni uko iyo miryango nyine ya...ari yo yatwitaho nabo...na bo mbona nta... nta... ntacyo banafise bo... bodufashisha ariko botwitaho, iyo miryango yotwitaho ikadufasha tukabaho nk'abandi.

- Nshuti mwumva radio yanyu Radio RTLM dufite saa tanu n'iminota makumyabiri hano i Kigali abasore... umuntu agiye kubabaza byinshi yaba ari kubagondoza, kwaba ari no kubababaza kandi bababaye ni abo gufashwa kuko muri uyu mugi wa Kigali ibyaho biratangaje. (arakoroye) Biratangaje umuntu abyara umwana akamuta, bakamwita ngo ni mayibobu kandi umwana afite se, afite nyina ariko nyine kubera ko nyina yamutaye ugasanga aratakaye. None ni impunzi na yo e... na we araza i Kigali ati "nanjye ahubwo nuko ndi umusore mfite imyaka makumyabiri n'itanu yayi... ya ba mayibobu, ubu hari na barumuna banyu wenda bari inaha ngaha, uzasanga wenda babaye ba mayibobu namwe muzi... bafashwa na nde? Muti "twinjira mu muryango mpuzamahanga, muri H... HCR" muti "twi... twi...rirwayo ariko ntibemere kutwandika", icyo ni ikibazo, ariko se reka nkubaze akabazo ba nyuma wa musore we,

- Hu...

- Nk'ubu uwagushyira mu gisoda akakwigisha inkoho byagushimisha?

- Kunshira mu gisoda nabishima kuko byari ibyigisho byontuma nshikira igihugu cyacu kuko muri iki gihe Abatutsi batwi..batwirukanye mu gihugu bi... nuko baba babona yuko ata basirikare twaridu... bababu... b'ubwoko b'Abahutu bafi... bahari, ni cyo gituma baciye bagira imi... ukuntu badu... ba... batwica, bama batwica imyaka yose Umuhutu yamye apfa, yishwe n'Umututsi nuko ata musoda yari ahari. Jewe rero igihe ngi... ndonse uburyo bwo kuja mu... bwo kwiga, bwo kuronka ibyigwa bya gisirikari nkabikurikira neza nkabinononsora, tugahuza n'abandi b'i... b'i... b'impunzi turi kumwe tukabyiga ibyo byotugiriye akarusho kuko bizotuma ejo cyangwa hijya y'ejo dushobora kuzoshyikira igihugu cyacu cy'amavuka.

- Nshuti mwuma yanyu Radio RTLM abasore b'Abarundi nta kindi bakeneye tujye tuvugisha ukuri uretse kugira ingufu, kugira ingufu ni ukurya, kugira ingufu ni ukugira ubwenge, kugira ingufu ni ukumenya kwirwanaho no kumenya kurasa, bakamenya izo mbunda na bo bakirwariza.  
... yari yagiye gukoresha meeting muri Komine Nyakizu ati "noneho uwo mudamu agezeyo ahagirira ingorane kubera ko yasanze nta bantu bitabiriye iyo meeting kandi ni iwabo i Butare, asanze nta bantu bitabiriye iyo meeting ubwo umuhungu KALISA Sylvestre wo muri MDR nyine wo mu ishyamba rye", ati "reka nkwereke". Huum... afata Benzi ya reportage yo kuri Radio Rwanda agenda, asanganira abantu bavuye mu misa ababwira ko meeting iriho kandi ko abasabye kuza muri meeting abo bantu mura... murabyumva baranze kubera ko n'ubundi ngo inama yashoboye gukoresha yagiye ahagana hepfo gato mu biti aba ariho akoresha iyo nama. Irangiye ariko ntiyaviriyemo aho yanyuze mu mpunzi. Anyuze mu mpunzi rero noneho ni ho ijambo rihise kuri radio hu...! Urumva ko yahinduye tactique, ijambo ryavuzwe kuri radio ni ryo yavugiye mu mpunzi ariko ntabwo ari iryo muri meeting yari itegenyijwe kugira ngo aribwire abaturage bo muri Komine Nyakizu. Iyo nkuru uko imeze ni uko. Ariko kandi tugomba kumenya ko ibyabaye kuri Ministre GASANA afata imodoka za Leta akazijyana i Gikomero muzi ko icyo byabyaye, byabyaye ibintu bikomeye, imodoka rero yo kuri Orinfor, iriya ya Benzi ya reportage iri gukora sonorisation iyo bayikoresheje hano i Kigali, yaba Minisiteri iyo ari yose, yaba primature, yaba umuntu privé iyo uyifashe uti "ndayikodesheje" ni



ukuyikodesha nyine. I Kigali ugomba gutanga mbere ya byose amafaranga ibihumbi mirongo itandatu na bine, mirongo itandatu na bine waba uyirengeje i Kigali, i Kigali PVK uyijyanye ahandi baguha fagitire ishobora kugera ndetse no ku bihumbi ijana by'amafaranga. Niba rero Orinfor yinjiye iyo mari nta kibazo gihari, ariko niba Orinfor itarinjije ayo mafaranga hu...he...ni ko ni ya ngeso, ni ya ngeso nta kundi byagenda.

Hii... tuba dufite saa sita hano i Kigali tubasezeyeho ariko mbere yo kubasezeraho reka tubagezeho n'aya matangazo : Le Président de l'Association pour la contribution au développement en commune Kinigi "ACODEKI" invite tous les membres de cette association à une réunion de l'assemblée générale qui aura lieu samedi le 04 décembre 93 à 9 heures à l'hôtel Kiyovu. Il y aura à l'ordre du jour : communication du numéro de compte de l'association, adoption du règlement d'ordre intérieur de l'association, étude de la création d'une école secondaire en commune Kinigi, et évaluation des activités de l'association. Le... Nota bene : la Commune Kinigi est priée d'envoyer un délégué à cette réunion.

Riri no mu Kinyarwanda , ati "kumenyesha" : Umuyobozi w'umuryango ugamije gutsura amajyambere muri Komine Kinigi ACODEKI atumiye abanyamuryango bose mu nama rusange izaba ku wa gatandatu tariki ya kane z'uk... Ukubozza, muri uyu mwaka saa tatu za mu gitondo muri Hoteli Kiyovu. Hazigwa ibi bikurikira : Kumenyeshwa ibyerekeye konti y'umuryango, kwemeza amategeko yihariye y'umuryango, kwiga iby'ishingwa ry'ishuri ryisumbuye muri Komine Kinigi no gusuzuma imikorere y'umuryango. icyo basabye nuko Komine Kinigi isabwe kuzohereza intumwa yayo muri icyo nama. Nshuti mwumva radio yanyu, Radio RTL M mu minota... icyenda gusa turaba dufite saa sita mboneyeho akanya ko kubasezeraho mwese, mwese abagiye kujya ku meza mu kanya muryohere, kandi namwe mwese abari ku kazi mugire akazi keza, namwe kandi abari imuhira n'abari mu yindi mirimo mukomere umunsi mwiza. Mwari kumwe na HITIMANA Noheli kuva mu gi...

**Orateur** : **HABIMANA Kantano, Journaliste à la RTLM**

I... ubu ni saa mbiri n'iminota cumi n'itanu. Abumva Radio RTLM mwaramutseho. Muri kumwe na HABIMANA Kantano kugeza saa sita. Radio RTLM, radio yanyu, ni amakuru ashushye ariko adashushya imitwe, ni amakuru y'ukuri, ni ibitekerezo byubaka iki gihugu, Radio RTLM iranabatumikira, Radio RTLM ni umuziki ushushye, ushushye kugira ngo mukushi ive ku mutima, mu kanya rero saa inkuru ishushye ubu muri iki gihe nuko Inyenzi Inkotanyi zongeye kwitwira ijoro, zigatera muri Komine Mutura ku Gisenyi bikaba bigaragaje, bikomeje kugaragaza yuko kugirana amasezerano n'Inyenzi Inkotanyi, n'inyeshyamba bitoroshye. Saa mbiri rero n'iminota mirongo itatu ndabagezaho amakuru arambuye yerekeye iby'icyo gitero. Mwumve umuziki .

...mva radio yigenga RTLM ivugira i Kigali. Ubu ni saa mbili n'iminota mirongo itatu n'umwe muri studio zacu amakuru, amakuru mugiyeye kugezwaho na HABIMANA Kantano. Muri aka kanya rero amakuru akomeje gutera inkeke ni amakuru avuye muri Komine Mutura, ahitwa ku Kabatwa aho Inkotanyi, aho Inkotanyi nako hinga ne no kuzikuraho n'izina ryazo Inyenzi, Inyenzi Inkotanyi rero iri joro zaraye ziteye aho ingabo z'ig... z'i... z'u Rwanda zikambitse ku Kabatwa muri Komine Mutura, Perefegitura ya Gisenyi. Amakuru atugezeho none aha nuko icyo gitero cyatangiyeye saa...saa tanu z'ijoro, kigakomeza kugeza mu rukerera. None aha mu kanya ubwo navuganaga na Burugumesitiri wa Komine Mutura amaze kumbwira yuko bamaze kubarura imirambo cumi n'itanu y'abaturage b'inzirakarengane. Ee... abandi kandi uko babibona, uko babibona barabona Inkotanyi nyinshi mu ishyamba ruguru, abasirikare b'u Rwanda rero ubu muri aka kanya bahanganye na bo ariko n'ubwo nta masasu bararebana gusa. Ubwo kandi mu gihe ayo makuru atugeraho, andi makuru avuye mu Kinigi ni atumenyeshya yuko abaturage batangiye guha... ejo bari batangiye guhambira utwabo kuko Inkotanyi baziboneye n'amaso ari nyinshi, n'imbunda, n'udukapu mu bitugu, e... zanyuze ahantu bita Iyabisate, ku rugabano rw'ishyamba e... n'aho abaturage batuye zambaye imyenda ya gisirikare. Zigeze aho ishyamba rya Komine Mukingo riri e... aho rihana urubibi na Komine Kinigi zinjira mu ishyamba, ibyo byose abaturage barabyiboneye. Ejo bakaba bari bazi ko zishobora gutera muri Komine Mukingo na Nkuli. Gusa abaturage nyine babuze abo babibwira kuko

nta butegezi buhari, ubwo rero murabona yuko Inkotanyi ziciye ku masezerano zagize e... n'u Rwanda Inkotanyi rero ayo masezerano murabona ko ziyacaho ingabo mpuzamahanga zihari sinzi noneho icyo Dallaire yongera kuvuga, sinzi noneho ko ashidikanya ku bushake buke bw'Inyenzi Inkotanyi.

Mbikutse yuko itariki cumi na karindwi namwe mwese murabyibuka, Inyenzi Inkotanyi ziraye mu baturage ba Komine, zagabye ibi. ibitero muri Komine Kidaho, Nkumba, Cyeru, Nyamugali, zica abaturage nk'ihene, imirambo mirongo ine ni yo yashoboye kuboneka. None rero uyu muni na none iri joro zateye muri Komine Mutura ku Gisenyi ubwo bamwe babonye yuko ari ukujya guhorera Abagogwe, mbikutse yuko aho ngaho muri Mutura ari e... iwabo w'Inkotanyi Rizinde. Amakuru rero nari mbafitiye agarukiye aho ngaho, dukomeje gushakashaka andi makuru, dukomeje gushakashaka andi makuru ariko ndabona na none amakuru a... na none avuye ku Gisenyi, aravuga yuko abantu, abantu mu mugu ku Gisenyi bakomeje kujya ku kazi nk'uko bisanzwe, e... abandi bakeya baheze imuhira bavuga bati nta kundi ni intambara, nyuma kandi na none ikindi gikomeje gutera inkeke, nuko Université y'i Mudende idatangira kandi amahane yayo ntabwo yumvikana e... bagakeka rero yuko bihujye n'icyo gitero cy'Inkotanyi. Dukomeze tubikurikirire hafi cyane cyane dukomeze tube maso kuko ibi bintu icyo bisura kirahari.

... RTLM ivugira i Kigali, ubu ni saa tatu n'iminota i... i... itandatu muri studio zacu, amakuru rero akomeje kutugeraho ni ayerekeye igitero Inyenzi Inkotanyi zaraye zigabye ku Gisenyi muri Komine... Mutura, mu gacentre k'ubucuruzi ko ku Kabatwa, aho rero iri joro zikaba ari ho zitwikiriye ishyamba ry'ibirunga zikahamanukira zikica abaturage benshi b'inzirakarengane none aha mu kanya, bamaze kubarura imirambo cumi n'itanu, ariko baracyashakashaka mu ishyamba hafi aho ngaho, aho indi bayikuruye bayijyana. Iyo mirambo yose ni iy'abaturage bo muri Komine Mutura. Kugeza ubu nta murambo w'Inkotanyi bari babona, nta n'umurambo w'ingabo y'u Rwanda bari babona.

Aba. tegereje rero amakiriro kuri Gouvernement y'inzibacyuho yaguye ngo izaba irimo Inkotanyi ubu ndakeka yuko na bo bifashe impungenge babuze uko babyifatamo. Inyenzi Inkotanyi ubwo

zarimburaga abaturage ba Kidaho, Nkumba, Cyeru na Nyamugari ejo bundi kuri cumi na karindwi, zikica buka abantu barenga mirongo ine, Ministre Gasana yaravuze ati “ni uko MRND yaburijemo amatora”. Muri Mutura ku Gisenyi na ho se amatora yarananiranye? Ahubwo niba na madamu Uwiringiyimana Agata, Ministre w’Intebe ya Gouvernement iguye mu cyuho wivugiye ati “ibyabaye mu..muri Kirambo c’est un incident comme tant d’autres et il y en aura d’autres”. We wagira ngo ahari yari abizi. Ariko se koko niba baba babizi batweruriye hakiri kare bakajya batubwira icyo ibi bitero by’Inkotanyi bigamije nyuma y’amasezerano y’Arusha, nyuma yuko ingabo z’amahanga zikomeza ziza ziyongeranya.

Igihangange Twagiramungu Fawusitini we ahora avuga ngo ubuza Inyenzi Inkotanyi ni udashaka ko Gouvernement, Gouvernement ye ayishyiraho. Ubuse noneho abatabishaka ni bande? Mbibutse ko Inye..e..e..Inkotanyi.., Inkotanyi Rizinde ni uwo muri Komine Rwerere, Inkotanyi Biseruka ni uwo hafi aho, ngo Kanyarengwe yaba yarababajije ati “ko jyewe iwacu mu Ruhengeri maze kuhakora akantu, muri Kirambo, Kidaho, Nyamugali e..nako mu Kirambo”, ati “muri Nyamugari nakoze akantu, muri Cyeru, muri Kidaho, muri..e..muri Nkumba” ati “bene wacu nabararitse nk’iwanyu mwebwe muzavuga iki”? Nuko na bo ngo kugira ngo bereke, berekane ko bakomeye iwabo, bashaka kwerekana ko na bo bashobora kugarika imirambo ya bene wabo. Niba ari uko bimeze nanjye nka Bikindi nanze Abahutu. (un peu de musique)

...komeza kutugera ni ava ku Gisenyi ayo makuru rero aratubwira yuko ubu... aratubwira yuko Inyenzi Inkotanyi zaraye zitwikiriye ijoro zimanukira mu..mu ishyamba ryo mu birunga zitera ku Kabatwa, ku gacentre k’ubucuruzi gahari zica abaturage b’inzirakarengane, ubu ngubu bamaze kubarura imirambo cumi n’itanu, barakomeje gushakashaka ahandi e..indi y’abandi baturage bagiye babura e..Inkotanyi zagiye zihisha. E..birumvikana ingabo z’u Rwanda ubu ngubu zahise zihaguruka iziri hafi aho ngaho muri ako gace, kubera ko Inkotanyi nyinshi ziri haruguru mu ishyamba abaturage bo mu Kinigi bazibonye, babonye zigenda ibyo ari byo byose zirenga nk’igihumbi, zigiye aho ngaho, murumva rero yuko hara..hashobora ku..kuvuka intambara ikomeye. Amakuru rero i..ya..yo muri Mutura mu kanya, mu kanya rwose gatoya ndayabagezaho kuko maze kuvugana na Burugumestre

akambwira yuko agiye ku..kunterefona ambwira uko bimeze kandi akaba agiye no ku..ndagerageza no kuganira n'abaturage abacitse ku icumu, iki, mu kanya rwose ndabibagezaho.

Amakuru rero ni nk'andi, amakuru ni nk'andi ubu na none mu gitondo, none aha mu gitondo, umugabo witwa Gustave, umugabo witwa Gustave Ngirumpatse e..w'i Cyangugu waburanye imanza nyinshi agacibwa n'urubanza rwo gupfa nyuma akaza kurusimbuka, uyu muni rero uwo mugabo Ngirumpatse Gustave we n'umuryango we bazindukiye ku muryango wa cour de cassation barawugariza, ubu ngubu ni ho bari, ni ho bateraniye, baratekereza kuhazana inkono n'ibiryo bakahicara kugeza igihe bwana Perezida Kavaruganda azarekurira dossier, i dossier ya Ngirumpatse, Ngirumpatse angejeje..a..mu kanya angezeho e..hinga atubwire.. mu by'ukuri uko ibyo bintu byifashe.

*Orateur* : *Bwana Gustave NGIRUMPATSE, umucuruzi w'i Cyangugu*

Bon murakoze, bwana banyamakuru ba radio yacu RTL, kuba mwongeye kumbaza akarengane kanjye natewe na KAVARUGANDA n'icyifuzo nkabonamo. Baturarwanda mwese nabagaragarije mu binyamakuru byinshi uburyo KAVARUGANDA Yozefu yandenganyije, ku buryo nahawe n'uruhushya rwo kujya kumubaza icyo kibazo cyanjye ku itariki ya cumi na karindwi z'ukwezi kwa cumi na kumwe muri mirongo icyenda na gatatu, KAVARUGANDA yamaze kumenya ko babimumenyeshya ko nzaza kuri iyo tariki akinga urukiko abacamanza bose arabajyana kuri iyo tariki ntiyigeze agera kuri urwo rukiko. None ako kababaro kanjye yanteye akaba yarankatiye gupfa, ubwicanyi KAVARUGANDA Yozefu yakoze mu rubanza rwanjye buteye agahinda cyane, ku buryo twari abantu icyenda hapfuyemo, yicishijemo abantu umunani ni jye wasigaye jyenyine kandi ashingiye ku bimenyetso bidafite ukuri bari bihimbiye hamwe n'umugore wa BIMENYIMANA Seti. Nshingiye ku ngingo ya mirongo irindwi na karindwi mu gika cya munani no ku ngingo ya mirongo i... irindwi n'i... n'umunani z'itegeko ryo kuri makumyabiri na kane, yo mu kwezi kwa munani muri mirongo itandatu na kabiri, n'ya mirongo inani n'icyenda mu gika cya karindwi y'itegeko-teka ryo ku wa karindwi z'ukwezi kwa karindwi muri mirongo inani yerekeye imitunganyirize n'ububasha bw'inkiko, izo ngingo zose KAVARUGANDA yarazirengagije nkana ajya mu rubanza rwanjye

arubanishaho kandi yararubayemo umushinjacyaha. Ibimenyetso rero bimushinja nzabibagaragariza mu... mu buryo buhagije mu kinyamakuru kizasohoka muri iyi minsi. Nshingiye na none ku ngingo ya magana abiri, na mirongo itanu na kane yo mu gika cya mbere, mu gika cya kabiri, n'iya magana abiri na mirongo itanu na zirindwi na magana abiri na mirongo itanu n'icyenda za "code procédure civile et commerciale" zibuza umucamanza gusubira mu rubanza yabayemo umushinjacyaha, ni ukuvuga ko KAVARUGANDA n'ianza zose z'amadosiye yanjye afite namureze... (interruption).

**Fin de la face A.**

**Face B.**

**Orateur :** **Bwana NGIRUMPATSE Gustave (continue)**

...tariki ya gatanu y'ukwa gatanu, cumi n'umunani z'ukwa gatanu, n'iya munani z'ukwa gatandatu icyenda na gatatu. Nkurikije n'akaga turimo yanteje turasaba ko abategetsi bose babifitiye ububasha, ari Perezida wa Repubulika, ari ba Ministre, ari... abashinzwe... inama iharanira amajyambere y'igihugu ndasaba ko uyu munsu twageze ku rukiko bwa kabiri rusesa imanza ko bakwihutira bakaza hano kuri uru rukiko rusesa imanza, bagategeka cyangwa bakansabira bwana KAVARUGANDA guhita arekura dossier zanjye zose afite RA magana atatu, magana cyenda mirongo itatu na gatanu, akarongo cumi na gatatu, zeru gatatu, akarongo mirongo cyenda na gatatu, akarekura n'ikirego cya prise à partie namureze ku itariki ya gatandatu z'ukwezi kwa karindwi muri mirongo iri... icyenda na gatatu. Yayagundiye kandi amategeko abim. abimubuza. Ndasaba ko bakimara kuhagera bansabira ko yahita arekura ayo madosiye yose agashyikirizwa Vice-président w'urukiko ayobora, na we agahita ayaha itariki akazatumenyeshya itariki, itariki icyo kirego cya prise à partie kizaburanishirizwaho kandi kikazasomwa ku buryo bwemewe n'amategeko nk'uko amategeko abiteganyaga. None rero bitewe nuko ndangije imyaka cumi n'irindwi nkatiwe igihano cyo gupfa kandi ubushinjacyaha bukuru bwa Cour de cassation bukaba bwaransabiye isubirwamo ku... ku itariki ya gatatu z'ukwezi kwa gatanu muri mirongo cyenda na gatatu, ibyo byose KAVARUGANDA akaba

yarabigundiye kandi ingingo ya magana abiri na mirongo... itanu n'icyenda za Code procédure civile zimubuza kugundira idosiye muri bene ubwo buryo nkaba nsaba ko uyu muni abashinzwe kurenganura abarengana, bakwihutira bakansanga hano ku rukiko rusesa imanza bakareba ikibazo cyanjye maze bagahita badushakira umuti wo kugikemura.

**Orateur** : **Kantano HABIMANA, Journaliste à la RTLM**

Ariko se... ariko e... Gustave e... urukiko... na ko KAVARUGANDA agomba kuba hari icyo atinya muri...muri ayo madosiye yawe. Ni iki?

**Orateur** : **Bwana Gustave NGIRUMPATSE**

Icyo KAVARUGANDA atinya muri aya madosiye yanjye, nk'uko ubwe mu gihe yari procureur ari we wamfunze angambaniye kandi nkaba nararangije gutahura inyandiko ye y'umwanzuro wo ku itariki ya makum...

- Oya ntacyo...

- Yo... yo mu kwezi kwa... kwa munani muri mirongo... irindwi n'umunani

- Huu...

- Yakozwe na Subusititi MUTABAZI yari yamuhaye igihe yari Procureur wenyine mu gihugu amugaragariza ko mfungiwe ubusa. Noneho KAVARUGANDA ibyo arabyirengagiza none uwo mwanzuro narawutahuye, dusanga wanditswemo ko mfungiwe gukeka gusa ariko ko bari babyumvikanyeho n'umugore wa BIMENYIMANA Seti. Noneho bigakubitiraho no kuba uwo mugore bari barumvikanye ko bagomba kunshinja ko naherekeje BIMENYIMANA Seti muri banque y'i Cyangugu kuyibikuzamo amafaranga miliyoni munani ku itariki ya makumyabiri na karindwi

z'ukwa karindwi, irindwi na gatandatu. None bikaba byaragaragaye neza ko KAVARUGANDA yanciriye urubanza yararubayemo umunshinjacyaha akabarubamo n'umucamanza, inshuro zirenga eshatu. Bakaba rero barantegetse kuriha miliyoni mirongo ine n'ebiyiri bashingiye kuri izo miriyoni munani z'impimbano zitabayeho. None hakaba harabonetse ikimenyetso cya Banque commerciale cya compte ya BIMENYIMANA Seti ku ifishi ye igaragaza ko iyo tariki ya makumyabiri na karindwi bavuga Seti Bimenyimana yari yarapfuye kera. Noneho kubera isoni zikamufata n'ubugambanyi yakorasheje hamwe n'uwo mugore bigatuma atinya kurekura iyo dosiye ngo abandi bacamanza batadu...bataza kumutahura ko yankoreye amarorerwa bigatuma abantu umunani bicwa muri urwo rubanza nanjye ngakwirwa urwo gupfa, bakanyambura n'umutungo wanjye ugeze ku gaciro ka miliyoni hafi mirongo itatu na zirindwi bakoresheje imvugo z'ibihimbamo. Ikindi kandi kikaba kibabaje ni uko Kavaruganda akoresha igitugu kuva kera twaramumenye amabaruwa yose namwandikiye ntako ntamugize mwereka amategeko yishe ariko agiye kunsubiza ambwira ko ngo yararuciye burundu ngo nta wundi mucamanza w'undi umuri hejuru, ngo uzamuvuguruzwa, ngo kandi nzajye kurega aho nshaka. Kubera ibyo byose rero ntako ntagize niyambaza abategetsi bose ngira ngo nabisobanuye kenshi, ku itariki ya cumi na..., ya cumi z'ukwezi kwa cumi na kumwe, muri mirongo cyenda na gatatu kuri radio, no mu binyamakuru icyitwa "Umurava Magazine", mbisobanura no mu kinyamakuru cyitwa...

- Ye... ubuse u... ubu... waje hano kuri... cassation n'umuryango wawe wose na bene wanyu n'iki, none se murumva muzahava ryari?

- Ndumva... kugira ngo nzahave, nzahava ari uko Kavaruganda yarekuye idosiye yanjye maze kumenya ko yayishyikirije abandi bacamanza bafite ububasha bwo kuyiburanisha ariko atikiri we uyifite. Nzaguma aho ngaho ahubwo mukomeze mumfashe abategetsi bose bashinzwe ku... kurengera abarengana bandwanaho bihutire kuhankura. Nibanga bazaze rwose babibwire KAVARUGANDA wenyine arekure iyo dossier nta kintu kindi mushakaho, iburanishwe, naramuka atsinzwe ahanishwe igihano giteganywa n'amategeko kandi azahanwe yihanukiye ariko guhora yihisha ntabwo ari wo muti uzatuma urubanza rwanjye ndureka cyangwa ngo mbure kumukurikirana kuri ayo



marorerwa yose yakoze.

- Ngo umuziki ngo noneho ngo siwo mwari mutumenyereje (arimoje) ni abana koko iyo ibintu bikomeye nta wubyina, iyu...ibi...ibintu bikomeye nk'iki gihe nta wubyina, e...ahubwo umuntu atega ugutwi akumva amakuru ashushye ariko adashushya imitwe. Inkuru rero ishyushye muri iki gihe, ikomeje kuvugwa ni iy'amarorerwa Inyenzi Inkotanyi na none zaraye zikoze muri Komine Mutura e... Perefegitura ya Gisenyi, ubu ngubu amakuru arimo arakusanywa mu kanya ndayabagezaho uko ibintu birimo bi... bi... uko ibintu bigenda kugeza ubu, dukomeje gutegereza amakuru agiye kutugeraho mu kanya avuye ku Gisenyi aho iri joro Inyenzi Inkotanyi zaraye zikoze amarorerwa e...zikica abaturage mu kanya bari bamaze kubarura cumi na batanu baracyakomeza gushaka imirambo y'indi aho zagiye zi... ziyisha hanyuma mu kanya ndaza kubibagezaho byose uko bimeze. Ariko none aha mu kanya hano muri studio mpafatiye Inkotanyikazi, e... mu kanya muraza kumva e... ibyo tunganirye. Hagati aho mbere yuko twumva iyo Nkotanyikazi rero... n'ukuntu itifuza ko RTL M yatahura amayeri yabo ndagira ngo mbagezeho ayo matangazo. Mbere yo kumva iyo Nkotanyikazi mfatiye hano muri studio. Umurya... (interruption) ...tanyikazi, iteka iyo mvuze iby'Inkotanyi irantuka, irantuka nari narabuze umunsi nayikacira. None mwumve ndeka sinyifashe neza n'amaboko e... aha ariko rero yenda abantu baraza kumenya ijwi ryayo muze kumva namwe ukuntu iteka ambwira yuko ngo i... Inkotanyi z... zizamereza nabi e... kubera yuko iteka mvuga ubugome bwazo cyangwa se nkavuga n'amayeri yazo. Ibyo rero wa Nkotanyikazi we ntabwo ushobora kuntera ubwoba na gato yenda napfa ibyo ari byose na we ntuzazamuka mu ijuru uri muzima, ntabwo uri Bikira Mariya cyangwa Yezu. Na bene wanyu kandi bumvireho.

***Orateur : Non identifié***

Ibyo ntabwo twe (inaudible) ni ukudutera umujinya n'agahinda.

***Kantano Habimana : Hein ?***

K0151834

- Ni ukudutera umujinya,

- He...

- HUU...

- Njye mvuga ngo iki?

- Ujye uvuga ngo iki?

- Hu...!

- E... ujye uvuga ngo iki? Ubwo se umuntu w'umugabo ntabwo uzi ibintu ushobora kuvuga?

- Iyo mvuga ngo iki?

- Iyo uvuga ngo iki?

- HUU...?

- Hu... ubwo rero i... iyo uvuga ngo iki, jya uvuga ibintu ariko mu kinyabupfura.

- Mvuga ibintu biguteye umujinya?

- Jyeho?

- HUU...?

- HUU... nawe ibyo wavuze urabizi gusa umenye ko ugomba kwikosora, bitaba ibyo ubwo icyo ushaka uzakibona.

- Hee.

- Ni ibyo nta bindi.

- Ni nde wabigutumye?

- Ye...?

- Ni nde wabigutumye?

- Ntabwo jyewe nzi gutekereza?

- Ye...?

- Sintekereza?

- Ni wowe se uza... uzakimbonesha se cyangwa hari undi?

- Jyeho?

- HUU...

- N'abandi, ubwo se uvuga utabwira abantu bose?

- HUU..!

- Ye uzumirwa rero.

- Ariko wowe nta kintu gusa umbwira kigutera umujinya ni ugupfa kuvuga gusa?

- Kintera umujinya?

- Yee... ni nk'iki par exemple?

- Nawe urabizi siniriwe mvuga menshi.

- Hu...?

- Ubwo ni ibyo kandi.

- Ni ibyo?

- Ngo iki?

- Ni ibyo urarangije?

- Ni ibyo ndarangije,

- Uragiye?

- Ni byo,

- Hein?

- Ni byo nta bindi wihane ujye uvuga mu kinyabupfura, (inaudible) kandi wigeze kukigira, sinzi impamvu ushaka gukora ibintu niba utigeze gutekereza.

- None se wowe ikinyabupfura ni ikihe?

- Korera amafaranga neza witukana,

- Ni u.. ni ukutavuga Inyenzi?

- Inyenzi?

- Hu...!

- Inyenzi ntuzizi aho ziri?

- Huu...?

- Ubwo se ubundi wowe uri iki nturi Inyenzi?

- Ya nde?

-Ya nde?

- Hu...!

- Y' abaguha amafaranga.

- Huu..

- Ngaho urabeho.

- Ngaho wa Nyenzi we.

Ye... kuva muri Perefegitura ya Gisenyi muri Komine Mutura, e... noneho mu kanya amakuru atugezeho ya nyuma nuko noneho nari nababwiye yuko mu kanya imirambo yahise iboneka y'amarorerwa Inkotanyi zaraye zikoze ari cumi n'itanu. Ubu rero noneho bamaze, bamaze kubarura abaturage cumi n'umunani noneho imirambo bamaze kubona ubu ibaye cumi n'umunani, abantu barindwi, abantu barindwi babuze burundu, hanyuma hari n'umwe wakomeretse. Mbese muri make ngibyo ibintu uko tumaze kubimenya Inkotanyi, Inyenzi Inkotanyi zateye iri joro muri Komine Mutura e... zivuye mu ishyamba ry'ibirunga zinjira, e... zinjira kilometero yose mu baturage zivuye ku ishyamba zica abaturage cumi n'umunani b'inzirakarengane, barindwi zabatwaye, umwe yakomeretse. Andi makuru atugezeho ni avuye mu Ruhengeri ayo makuru aratumenyeshya yuko hari ahantu na none Inyenzi za..zateye muri Kinigi e... hanyuma ntituramenya abantu zahishe n'umubare w'abo zakomerekeje.

Mukomeje rero kumva ayo marorerwa ko ateye agahinda nyuma y'aho, nyuma y'aho... e... u Rwanda n'inkotanyi basinyiye amasezerano, nyuma y'aho ingabo mpuzamahanga zije ngo guhagararara hagati, ibintu biragenda bigaragara yuko e... imibanire y'Abanyarwanda n'Inkotanyi izarushya. E... mu kanya na none mwumvise Inkotanyikazi e... nafashe hano kuri telefone yaririmo... intuka, mwumvise ibyo yavuze yuko ngo nzibonera ariko ntabwo nshobora kuzihanganira na rimwe amarorerwa Inkotanyi zikora. I... ni abantu nk'abandi ubwoko bwabo, bon abenshi turabizi ko ari Abatutsi, Abatutsi bose si abagome, ariko rero abo Batutsi b'abagome, aho kugira ngo abandi Batutsi badufashe kubamagana ahubwo bakabashyigikira abo bagome ndakeka yuko amaherezo bazavumburwa kandi bakabona ibihano bibakwiriye. Maze rero mukomeze mwumve Radio RTLM ho gato, e... mu kanya saa sita turafunga ibyuma byacu turongera kubonana saa kumi n'ebiri,

**Orateur** : **GAHIGI Gaspard, rédacteur en chef de la RTLM**

... nga. Ubu ni saa mbili n'iminota makumyabiri n'ibiri muri studio za RTLM. Turi ku wa gatatu tariki ya mbere Ukuboza mirongo cyenda na gatatu. Kuri RTLM rero uyu munsu ntabwo tuvuga amagambo menshi turi mu kababaro, turi mu kababaro twatewe ni uko abantu, abavandimwe bacu bo muri Komine Mutura, abaturage b'inzirakarengane bishwe n'Inkotanyi bazira amaherere. Turi mu kababaro kuko muri Komine Ngenda hepfo hariya mu Bugesera abantu bishwe, cumi na babiri bishwe n'abasirikare baturutse mu Burundi, abandi bakabatwara, bakabatwika nk'uko, niba mwumvise Radio Rwanda, umunyamakuru Nubahumpatse yabitugejejeho. Turi rero mu kababaro ariko muri ako kababaro tukavugaga ko u Rwanda rwacu rusa n'akanyoni karitse mu mayira abiri kati "napfa nakira simbizi". Kuko amakuru atugeraho aturutse mu Busuwisi atubwira ko, atubwira ko ka gatsiko ka extrémistes-Tutsi, ba Batutsi ba extrémistes bo mu Burundi bagiranye inama n'Inkotanyi mu Busuwisi. icyo rero bagezeho ngira ngo ni iki turimo kureba, ikibera muri Mutura, ikibera muri Ngenda, ugasanga ari umugambi umwe, icyo bigamije rero ngira ngo kirumvikana. Ibintu rero birakomeye, kuri RTLM tukaba twabwira turi mu kababaro.

Ikindi turi buganireho uyu munsu ngira ngo muzi ko itariki ya mbere Ukuboza ari umunsu isi yose izirikana cya cyorezo cya SIDA. Ubwo natwe turaza kugira icyo tubivugaho. Twatangije rero umuzika wa Karahanyuze, twababwiye ko RTLM ari radio y'abajeunes, ariko ni radio y'abasaza, n'abasaza bakunda RTLM twabibukije rero iminsi ya kera, babyina za "Kirikiri", umutechnicien ashatse yakongera akabasunikira akandi gake hanyuma wenda n'abajeune mu mwanya tukabaha umwanya wanyu.

Buriya muri nababwiraga ko u Rwanda rumeze nk'akanyoni karitse mu mayira abiri kati "napfa nakira simbizi". Muzi Inkotanyi zitera ko zashakaga ubutegetsi, kandi twabivuze kenshi ub... nuko bamwe badashaka kubyemera Inkotanyi ni umutwe waturutse ku mpunzi zagiye muri mirongo itanu n'icyenda n'izindi zagiye zigenda ariko Inkotanyi zikaba zishingiye cyane cyane ku moko. Muzi rero ko izo Inkotanyi zarwanyije igihugu zishakaga ubutegetsi hanyuma bikananirana, tukaza kugera ku masezerano

ya Arusha twashyizeho umukono, ubu abantu bakaba bizeraga ko ibintu bigiye gutungana ariko ibimaze iminsi bibera mu Makomine yo mu Ruhengeri na Byumba birerekana ko ayo masezerano atemerwa. Ndetse n'amacenga yabaye muri ayo masezerano twagiye tuyavuga, twagiye tuyavuga ariko abantu ntibabifata. uko biri ugasanga bati "tugeze, dushyize mu masezerano izina ry'umuntu uzaba Ministre w'Intebe", nkaho mu masezerano mpuzamahanga izina ry'umuntu ari ngombwa. None ura..murabona ibibazo bitera.

Mu..gihugu rwagati naho, turetse ibyo by'Inkotanyi hari intambara y'ubutegetsi igaragara. Hari naho opposition. Intambara y'ubutegetsi ikagaragara, iyo ntambara wareba ugasanga iyo witegereje neza ugasanga ari politike y'inda gusa. Kuko jyewe nta muntu wanyemeza ko amacakubiri ari mu ishyamba MDR, Twagiramungu ashya miranya na Karamira ko ari politike yo kuzamura abaturage ahubwo nje mbona ari politike y'inda. Nta muntu wanyemeza ko amacakubiri ari hagati ya Mugenzi na Lando muri PL ari, agamije kuzamura abaturage. Nje mbona ari politike y'inda, ari politike y'imyanya. Twavugaga ko o..hari amakimbarane muri MDR, ejo twumvise ngo Nsengiyaremye ngo yagarutse, ngo bavuye kwiyunga ngo i Dar-es-Salaam. Ibyo bintu, ubwo bwiyunge n'ubw'abaturage cyangwa n'ubw'abantu ubwabo. Ndetse amakuru ategeraho akatubwira ko Nsengiyaremye yifuzaga kuzifatira Minafet ubwiyunge bukaba buraje. Ibyo rero niba ari byo bwiyunge, niba ari yo politike nje ntabwo mbizi. Cyokora icyo navugaga gusa ni uko Abanyarwanda niba dufite abanyapolitike bakwiye koko gukora politike yo guteza abaturage imbere, atari politike y'inda yabo bwite, ngo niba uriye wisinzirire uvuye ko rubanda rwose ruriye ariko umuntu akwiye gukora politike yo kuzamura abaturage, nkaba nsaba abaturage batwumva cyane cyane abo mu Bugesera n'abandi bese kwirinda kugwa mu mutego w'umwanzi, basubiranamo bishingiye ku moko. Akaba ari umutego mubi Inkotanyi zateze kuva kera ndetse n'abanyapolitike bamwe bateze kugira ngo igihugu kibe akaturuvayo noneho ba rusahurira mu nduru bafate ubutegetsi bashingiye ku kaduruvayo kazavuka mu baturage. Nkaba rero nsaba abaturage ko batagwa muri uwo mutego ahubwo nje mbona abaturage ari twe dukwiye gutega umu..umutego abo bategetsi bakora politike y'inda noneho akaba ari bo bawugwamo koko tukabereka ko bakora politike y'inda ariko twe icyo tugamije ko ari ukuzamura igihugu cyacu. Tukumva rero abategetsi ahubwo ari bo dukwiye gutega umutego,



noneho bagakomeza bakerekana ko bakora politike y'inda twebwe baturage tukitonda nitugwe mu mutego wabo kuko hari benshi bashaka gusahurira mu nduru.

(un peu de musique) Nababwiye ko turi ku itariki ya mbere Ukuboza, itariki ya mbere Ukuboza akaba ari umunsi wo kuzirikana ikibazo cya SIDA muri iyi isi. SIDA rero ni icyorezo ki... ni icyorezo kimereye nabi iyi isi, imibare aba... OMS itanga ivuga ko ubu hari abantu hagati ya miliyoni ebyiri na miliyoni ebyiri n'igice barwaye SIDA. Ndavuga abarwaye, ariko hakaba n'a... n'abandi miliyoni cumi n'enye bita sero-positif ni ukuvuga ko bafite agakoko ariko ako gako... bikaba bakaba bataratanga, batagaragaza ibimenyetso ko barwaye SIDA. Ikibazo rero kikaba gikomeye, gikomereye he ? Gikomeye yuko SIDA nta muti uyivura. SIDA kandi nta rukingo ruraboneka. Ubu bavuga ko hari inkingo cumi n'eshanu zigeragezwa mu isi hose no muri Afurika ndetse mwumvise n'u Rwanda ko baruhisemo kugira ngo bazageragezemo urukingo ariko rero kugeza ubu ntacyo bitanga. Ni ikibazo rero cyugarije isi, SIDA... ikindi kibazo gitumye igiko... kiyikomeza, ikibazo gikomeza SIDA nuko yafashe ahantu e... nakwita yiba ari habi cyangwa ari heza ariko yafashe ahantu habi e... hameze nabi sinzi niba umuntu yatebya mu bintu bikomeye nk'ibi, sinzi niba natebya ariko hari umuntu wigeze kumpa igipara ati "impfizi yamosheje", muzi kumosa icyo ari cyo, ni ugukoza umunwa ku nda y'amaganga noneho ngo ishira umunwa hejuru iravuga iti "Nyagasani turagushimira ko waremye ibi bintu biteye isoni ariko dukunda twese". Ikibazo rero cya SIDA ni uko yafashe ahantu abantu bakunda koko, bose, ntibabikunda kimwe cyangwa ntibabyerekana kimwe ariko yafashe rero ahantu abantu bakunda kandi Imana yaremye kugira ngo abantu bashobore ku... kubaho ni ibintu rero biteye ubwoba baravuga bati "iyi Imana ishira SIDA mu bishyimbo cyangwa ikibishyira mu rwagwa, cyangwa ikabishyira muri byeri, cyangwa ikayishyira mu mata, abantu bari ku... kubireka". Bati "ariko yashyize SIDA ahantu abantu badashobora kureka byanze, bikunze. Ikibazo rero kikaba gikomeye kuko abo bantu miliyoni cumi n'enye barwaye bari sero-positif n'abo miliyoni ebyiri, ebyiri cyangwa ebyiri n'igice ni abantu na bo bagifite icyo bita activité sexuelle. Ni ukuvuga ko na bo bakeneye gukora amour. Ugasanga rero SIDA igenda yiyongera, igenda yiyongera buri munsi, igenda yiyongera buri munsi, igenda yiyongera kandi ku isi hose. Ugasanga rero ni ikibazo gikomeye u... agakingirizo na ko bavuga capote, abantu barabikoresha ariko abahanga bemeza ko nubwo

wakoresha capote atari ukuvuga ko ijana ku ijana ushobora kwirinda SIDA, ko rimwe ku ijana ushobora guhura na SIDA kandi ufite capote. Akaba rero ari ikibazo gikomeye cyugarije isi, ubwo wenda turabigarukaho mu mwanya mukomeze mwumva iyo ndirimbo ya SIDA, umuririmbyi yavuze ati "SIDA ni icyorezo cyugarije isi", ati "ahubwo ni ugusaba Imana gusa". (musique)

...tariki ya mbere Ukuboza, umunsi twibukaho tugomba kuzirikana icyorezo cya SIDA mu isi hose. SIDA rero ubundi yanduriraga cyane cyane mu gutanga amaraso, ikandurira mu nshinge abantu bateraga, ikandurira no mu guhuza ibitsina ariko bagiye bagabanya urebye uko yandura kuko amaraso baha abarwayi ubu arapimye kugira ngo umuntu ayandurire mu maraso byaba bisa ni igitangaza kuko amaraso batanga ubu aba apimye. Inshinge, muzi ko bahimbye inshinge umuntu akiteza urushinge rwe barangiza bakarujugunya, ubwo rero urumva gufatira SIDA mu guhabwa amaraso cyangwa mu guterwa inshinge byaragabanutse cyane, SIDA rero ikaba isigaye yandurira cyane mu guhuza ibitsina. Urebye ni... ni ho cyane cyane yandurira ni igihe abantu bahuza ibitsina. SIDA rero akaba ari icyorezo nta muti, nta rukingo, umuti rero twe twababwira ni ukwirinda icyo bita mu Gifaransa vagabondage sexuel ni ukuvuga kudapfa guha umubiri wawe uwo ubonye wese kandi byaba biramutse bibaye ngombwa ko ubikora kuko umuntu, navuze ko umuntu ni ko aremye, ni ko Imana yamuremye byaba bibaye ngombwa ugakoresha capote. Nta wundi muti rero icyorezo cya SIDA ni uko giteye kandi cyugarije iyi si.

Nababwiye kuri, ko kuri RTLM twebwe turi mu kababaro, akababaro twatwe n'abaturage b'inzirakarengane bishwe bubeba muri Komine Mutura, bakicwa bubeba muri Komine Ngenda, bikatwibutsa abandi baturage b'inzirakarengane bishwe muri Nkumba, Cyeru, Kidaho, Nyamugali, bikatwibutsa n'abandi bapfuye i Byumba muri Komine Bwisige. Ibyo bintu rero biratubabaza twebwe hano kuri RTLM ariko tukabura gusa uko twabigenza. Ariko icyo twibaza buri gihe uko abo bantu bapfuye twumva ngo inama ngo ya Gouvernement ngo yateranye ariko imyanzuro ivamo twebwe, njye ku giti cyanjye imyanzuro numva bafata bituma nibaza niba koko muri iki gihugu tukigira Gouvernement niba hari amacakubiri muri Gouvernement ku bibazo nk'ibi ngira ngo hakwiye kuba icyo bita mu Gifaransa unanimité, kumvikana abaturage ntibakomeze gushira hagafatwa imyanzuro

igaragara kuko nko ku kibazo cy'abaturage bi..bapfuye i Ngenda, muri Komine Ngenda, nta mwanzuro nje ku giti cyanyje numvise inama ya Gouvernement yafashe, ntawo numvise. Sinzi niba ari amatwi y'umusaza, ariko nje nta mwanzuro numvise ugaragara kandi ku kibazo gikomeye twe tuvuga ko muri politike, Gouvernement icyo ishinzwe cya mbere, ishingano y'ibanze ya mbere, ni ukurinda abaturage, ikabaha umutuzo, ikabateza imbere, niba rero abantu bashira batya, inama ya Gouvernement igaterana ikavuga ngo iramaganye ndetse rimwe na rimwe ntiyanamagane, nje kuko muri Ngenda ntawe nigeze numva bamagana, nkumva ari ibintu bibabaje cyane, bigatuma nibaza niba iki gihugu kigifite Gouvernement, nibaza niba iki gihugu kigifite ugitegeka. Nje ndetse Gouvernement ikomeje kwitwara uko yitwara ubu, abaturage bashira, nje ku giti cyanyje nasaba na Perezida wa Repubulika gufata ses responsabilités akamenya ko igihe Gouvernement idakora ari umukuru w'igihugu na we akwiye kugira icyo yavuga. Nkumva rero icyo ari ikibazo gikomeye cyane kuko abantu gukomeza gushira batya ngo nuko amacakubiri ari muri Gouvernement, ukumva nta kintu Gouvernement ifashe ni ukuvuga ko iyo Gouvernement nta butegetsi ifite, nta n'ububasha ifite, ubwo rero buri muntu ntabwo yakwirwanaho hagomba e... ubutegetsi bundi, nje nkumva bikomeje bitya Perezida wa Repubulika yafata ses responsabilités.

...gaga ibyerekeye Gouvernement ko yerekanye ko nta bushobozi ifite, ko nta butegetsi ifite igihe abaturage bapfa ariko nti hagire ibyemezo bifatika ifata. Ni iritavuga umwe rero mbonye hano, mbonye hano itangazo ry'ishyaka riharanira demokarasi nyayo, Parti du nouveau démocratique. Iyo..iryo shyaka riharanira demokarasi nyayo rero rikavuga riti "turamagana ibikorwa by'ubwicanyi muri Komine Mutura ku Gisenyi". Ishyaka riharanira demokarasi nyakuri PRD ryamaganye ubwicanyi bwakorewe muri Komine Mutura ku Gisenyi, mu ijoro, mu ijoro e... ry'itariki makumyabiri n'icyenda Ugushyingo mirongo cyenda na gatatu. Ishyaka PRD rirasanga nyuma y'ubwicanyi bwabereye mu Makomine ya Superefegitura Kirambo none hakaba hiyongereyeho ibyo muri Mutura, abakora ayo marorerwa bafite umugambi wo kuburizamo ishyirwa mu bikorwa by'amasezerano ya Arusha. Ishyaka PRD rirasaba ingabo z'igihugu kurushaho kubumbatira umutekano w'Abanyarwanda cyane cyane mu karere ariya marorerwa aberamo. Kubera ko Gouvernement iriho yerekanye bihagije ko idashishikajwe no kurengera abaturage PRD irasaba ko yaseswa hagashyirwaho indi Gouvernement

ishobora guhangana n'ibibazo byose byugarije u Rwanda cyane cyane ibyerekeranye n'umutekano w'Abanyarwanda mu gihe tugitegereje Gouvernement y'inzibacyuho yaguye. Ibyo rero ni Perezida wa PRD, Ishyaka riharanira demokarasi nyakuri NSABIMANA Alexis na Visi Perezida TIBABARIRA Aster ni bo bashyize umukono kuri iryo tangazo basaba ko Gouvernement yaseswa kuko yerekanye ko idashishijwe no kurengera abaturage muri iki gihe. Bati "ikwiye guseswa rero hagashyirwaho indi Gouvernement ishobora guhangana n'ibibazo byose byugarije u Rwanda, cyane cyane ibyerekeranye n'umutekano w'Abanyarwanda mu gihe tugitegereje Gouvernement y'inzibacyuho yaguye. Dufite andi matangazo abika, ...mpatse Gustave, ngira ngo mumaze kumumenyera ni umucuruzi w'i Cyangugu wagiranye ikibazo na Kavaruganda Yozefu, Perezida wa cour de cassation, hakaba ngo yaramufungishije ku buryo yaciriwe n'urubanza rwo gupfa ku buryo bw'akarengane. Ubu rero NGIRUMPATSE Gustave ari kuri cour de cassation, ku rukiko rusesa imanza, n'umuryango we abantu babarirwa kuri mirongo itanu. Bakaba bavuze bati "noneho ntabwo tuhava KAVARUGANDA adatanze ya dosiye twatse". Ubu rero abo bantu barahari ariko na KAVARUGANDA akaba ahari ndetse arinzwe n'umujandarume aho mu biro bye. Indi nkuru itugeraho ni iturutse muri Kaminuza i Butare itubwira ko abarimu bahagatse amasomo. Muti "bahagaritse amasomo bigenze bite"? Bahagaritse amasomo kubera ikibazo cy'amacumbi ngo ubundi amacumbi bayatanga bakurikije abarimu ba... bahamaze igihe ibyo bita ancienneté ariko ubu ngubu ngo bakaba barayatanze mu bintu by'akaduruvayo bayaha abo biboneye ba... ikibazo cyabo ngo bazakwandikira Ministre ko ikibazo giteye gityo Ministre ngo kubera ko atashubije none bahisemo guhagarika amasomo. Ubu Kaminuza rero i Butare ni akaduruvayo, nta masomo ahari. (musique)

... RTLM, radio yanyu ubu ni saa yine n'iminota mirongo ine n'itanu muri studio zacu. Maze kuganira n'umwe mu barwanashyaka ba MDR, arambwira ati "ariko Gahigi", ati "ari wowe", ati "n'abumva RTLM", ati "ubanze mutumva uko ikibazo cy'umugabo witwa Twagiramungu Fawusitini giteye". ati "dore rero icyo kibazo uko giteye". Ati "uwo mugabo yari umuyobozi w'ishyaka koko, ari Perezida w'ishyaka MDR". Ati "ariko ubwo butegetsi yari yabuhawe n'abantu bahagarariye inzego z'ishyaka", ati "bamugira, bamuha ubutegetsi, bamugira Perezida w'ishyaka". Bati "babonye imikorere ye idahuje n'ishyaka bamwambura ubwo butegetsi". Ati "uretse no kumwambura

ubutegetsu babonye akomeje”, ati “bamwirukana no mu ishyaka”. Ati “uwo muntu rero si..sinumva igituma akomeje gutera ikibazo, bamuhaye ubutegetsu, ababumuhaye barabumwambura, ndetse kubera imyitwarire ye bamwirukana no mu ishyaka”. Ati “rero ibyo bintu sinzi niba abantu babyumva ko ari uko ikibazo giteye”. Ati “kuvuga rero ngo... ibyo kwiwunga na Nsengiyaremye mwumvise mission yagiye..muri Kenya ngo kujya kwiwunga na Nsengiyaremye”, ati “Twagiramungu si ishyaka. Nsengiyaremye si ishyaka, biwunga mu bigenze bite ko ikibazo Twagiramungu agifitanye n’ishyaka MDR”. Ngibyo rero ng’uko babivugaga. Ariko twabwira abanyamakuru nje nkaba hari ibibazo nibaza, ariko ntabwo igisubizo, sinzi n’icyatumye abanyamakuru bagenzi banjye bagize Imana bakabona n’abo bantu batakimabajije. Mbese mwe mwamenye ubwo bwiyunge aho bwageze? Bwarashobotse se? Ese NSENGIYAREMYE yavuze icyo yari yahunze? Ngibyo nje ibibazo nibaza,

**Fin de la face B.**

- FIN -